

Ikinyarwanda I

009

09/07/2025 2:00 PM – 5.00 PM

Ikizamini: IKINYARWANDA I

Igihe kimara: Amasaha 3

Amazina:

Index number:

S3 IKAYI Y'IBIBAZO NO GUSUBIRIZAMO

IKIZAMINI CYA LETA GISOZA IKICIRO RUSANGE CY'AMASHURI YISUMBUYE, 2024-2025

Amabwiriza:

- 1) Andika amazina yawe na numero yawe ku ikayi y'ibisubizo nk'uko byanditswe kuri "Registration form".
- 2) Ntufungure iyi kayi y'ibibazo by'ikizamini utabiherewe uburenganzira.
- 3) Ikizamini kigizwe n'ibibazo **makumyabiri (20)** n'ibice bine by'ingenzi:

Igice cya mbere: Kumva no gusesengura umwandiko
(amanota 25)

Igice cya kabiri: Ikibonezamvugo (amanota 25)

Igice cya gatatu: Ubumenyi rusange bw'ururimi
(amanota 25)


Igice cya kane: Ihinamwandiko n'ihangamwandiko
(amanota 25)

- 4) Subiriza mu mwanya wagenwe.
- 5) Subiza muri make utarondogoye.
- 6) Ibisubizo bigomba kuba bifututse kandi byuzuye.
- 7) Gusiribanga no guhuza ibisubizo na mugenzi wawe cyane cyane ibipfuye bifatwa nko gukopera cyangwa gukopezwa.
- 8) Kirazira kugaragaza amazina yawe, ay'ishuri wigamo cyangwa ibindi bikuranga ku ihangamwandiko n'ahandi hose hatabugenewe.
- 9) Ukurikize amabwiriza ari kuri buri kibazo.
- 10) Koresha ikaramu y'ubururu gusa.

TOTAL MARKS...../100

FOR EXAMINER'S USE ONLY

Questions	Marks	Questions	Marks
1		16	
2		17	
3		18	
4		19	
5		20	
6		21	
7		22	
8		23	
9		24	
10		25	
11		26	
12		27	
13		28	
14		29	
15		30	



BINEGO BYA KAJUMBA

Binego bya Kajumba mwene Ryangombe rya Babinga mwene Nyundo yabaye aho akura ari umwana w'igihangange cyane. Ubwo buhangange bwe ntibwagombaga kwihishira. Uyu Binego bya Kajumba yakomeje kwibera aho iwabo ariko akomeza no kugenda agaragaza amatwara adasanzwe. Ayo matwara n'ubuhangange bitihishiriye cyangwa ngo bihere yabigaragarije mu bintu bitandukanye.

Reka se umubyara Ryangombe rya Babinga mwene Nyundo azabyukane umuhigo. Yari asanzwe azobereye muri uwo mwuga, yambika impigi ze zarimo iyitwa “Uruciye munsu ntamenya ikiruri imbere”, “Bakosha badahannye” n'izindi. Akora no ku muhigi we Nyarwambari ngo bage guhiga. Nyiraryangombe, nyina wa Ryangombe, akaba yari yarose inyamaswa z'amayobera muri uwo muhigo, zirimo urukwavu rutagira ishyira ku murizo n'impongo y'impenbere, by'umwihariko bigasorezwa n'imbogo y'ihembe rimwe yigize ingunge mu ishyamba. Ngo yari yanarose umukobwa wari warohewe mu ishyamba kubera gutwara inda y'indaro. Uwo mukecuru kandi ngo yari karosi, agakabya inzosi byahebuje, kuko ibyo yarotaga ntakitarasohoraga.

Icyo gitondo yinginga umuhungu we ngo asubike umuhigo ariko undi aramurahira. Agera n'ubwo atambika umweko we mu bikingi by'amarembo ngo ataharenga kuko cyaziraga, biranga biba iby'ubusa asimbuka urugo aragenda yanga kumva impanuro. Nyiraryangombe muri ubwo buhanuzi bwe n'agahinda kenshi ati: “Mwana wange ururenze ururenze.” Na Nyarwambari umuhigi we ashwiraho ake undi aranga agera n'aho yenda kumutera icumu undi aramuhunga.

Burya ngo: “Amatwi arimo urupfu ntiyumva” kandi ngo: “Nyamwanga kumva ntiyanze no kubona.” Yarahuruye arahutera no mu ishyamba rya Rurengamiganyiro. Yaje kuyobera kuri wa mugore wari warohewe muri iryo shyamba abonye akotsi gacumba, ageze bigira mu by'urukundo, dore ko ngo uwayobye atayoba rimwe, asize umuhigi we mu muhigo ngo navumbura inyamaswa y'inkazi amubwire.

Nyarwambari arahiga agiye kuvumbura yivumburira za nyamaswa z'amayobera Nyiraryangombe yababwiye. Aba avumbuye urukwavu rutagira ishyira ku murizo agiye kurukubita impiri yifungira mu biganza. Abibwiye Ryangombe aramusubiza ati: “Iyo ntabwo ari inyamaswa yakura umugabo mu ndyamo.” Nyarwambari yongera kuvumbura impongo y'impenbere, agiye kuyikubita impiri yifungira mu biganza. Ahamagara Ryangombe amubwira ko avumbuye impongo y'impenbere yajya kuyikubita impiri ikifungira mu biganza. Ryangombe ati: “Iyo si inyamaswa yakura umugabo mu ndyamo.” Yigumanira na wa mugore wari waraciriwe mu ishyamba. Ntibyatinye umuhigi we

Nyarwambari avumbura imbogo y'ihembe rimwe, ayishumuriza za mpigi zose, iyo yoherejeyo yose akabona inzogera irirenga, abonye ko bikomeye imbogo imaze kuzitsemba ajya gutabaza shebuj. Mu kuza n'igihunga kinshi na za ngeso abyutsemo, agize ngo ariyahura kuri ya mbogo afora umuheto ngo ayikubite umwambi ya mbogo irawugarama, agize ngo ayitere icumu, imbogo irarigarama iramusimbukira imutera ihembe mu nyonga y'itako maze iramukunkumura, imurahira aho binikaga nk'uko nyina yakabivuze, imutendeka mu giti cy'umuko ari wo murinzi. Irya mukuru riratinda ntirihera, kandi irya mukuru urishima uribonye. Nyarwambari nta kindi yari gukora, yahagaze ku karubanda aratabaza abika Ryangombe.

Umuhungu we Binego bya Kajumba ngo arite mu gutwi, ni bwo abwiye nyirakuru kumushakira imishandiko ikenda y'itabi ayitekerera icyarimwe atumura umwotsi umwe amena umuyonga, afata icumu n'umuheto bya se, afata n'inkota yiruka ajya guhorera se mu rya Rurengamiganyiro. Agezeyo asanga imbogo yivuze yivovose yahinduriye! Arayisimbukira ayifata ku gakanu ayishinga icumu mu rwano arayigusha, ayikata igihanga akibambisha ku karubanda, yurira wa murinzi amanura umurambo wa se aragenda awuhamba iruhande rw'aho yabambye igihanga cya ya mbogo, ageze mu rugo arivuga arivovota kuko ahoreye se Ryangombe ati: "Ni nge Binego bya Kajumba mwene Ryangombe rya Babinga mwene Nyundo!" Arangije yicara ku ntebe ya se aratwara. Kandi ngo: "Imfura nzima isubira ku izina rya se."

IGICE CYA MBERE: KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO (amanota 25)

- 1) Zengurutse akaziga ku gisubizo cy'ukuri ukurikije uyu mwandiko : **(amanota 4)**
- (i) Uyu mwandiko ni bwoko ki?
- a) Insigamugani
 - b) Umugani mugufi
 - c) Igitekerezo
 - d) Umugani muremure
- (ii) Binego bya Kajumba yari mwene nde?
- a) Ryangombe rya Babinga
 - b) Ryangombe rya Nyundo
 - c) Ryangombe rya Nyarwambari
 - d) Ryangombe rya Nyirakajumba

- (iii) Nyarwambari uvugwa muri uyu mwandiko yari muntu ki?
- Yari umuvandimwe wa Ryangombe
 - Yari umuhigi wa Ryangombe
 - Yari umukozi wa Ryangombe
 - Yari umuja wa Ryangombe
- (iv) “Amatwi arimo urupfu ntiyumva” bishatse kuvuga iki?
- Ko iyo umuntu afite ikibazo cyo kutumva neza urupfu ruba rumubungamo.
 - Ko urupfu rukunda kwibasira umuntu ufite ikibazo cyo kutumva neza.
 - Ko umuntu utumva neza adashobora kwirinda urupfu rumubungamo.
 - Ko iyo urupfu rubunga mu muntu nta cyo wakora ngo urumurinde.

2) Subiza ukoresheje **“Ni byo”** cyangwa **“Si byo”** ukurikije ibivugwa mu mwandiko:

(amanota 3)

- Nyarwambari na Nyirakajumba babujije Ryangombe kujya guhiga aranga.
- Nyiraryangombe yashyize umweko mu bikingi by’amarembo kugira ngo Ryangombe atawurenga kuko cyaziraga kuwurenga.
- Igitekerezo cy’umuhigi wa Ryangombe cyari uko shebuja yasubika umuhigo kubera impungenge zari zimaze kugaragazwa na Nyiraryangombe.

3) Subiza ukoresheje **“Yego”** cyangwa **“Oya”** ukurikije ibivugwa mu mwandiko:

(amanota 4)

- Nyiraryangombe yari nyina wa Binego bya Kajumba.
- Nyiraryangombe yafashije Binego guhorera se.
- Nyiraryangombe yavukanaga na Nyarwambari.
- Nyiraryangombe yahaye itabi Binego ryo kwiyo bya ubwenge amuha n’ibikoreshe by’urugamba bya se.

4) Subiza ukoresheje **“Ni byo”** cyangwa **“Si byo”** ukurikije ibivugwa mu mwandiko:

(amanota 4)

- Rurengamiganyiro ni izina ry’imbwa ya Ryangombe.
- Inzosi Nyiraryangombe yarotaga zarasohoraga.
- Mu nyamaswa Nyiraryangombe yarose harimo imbogo y’impenebere.
- Muri uyu mwandiko harimo amakabyankuru.

- 5) Uzurisha amagambo ukuye mu mwandiko. **(amanota 3)**
- a) Ruhanamirindi yari yarigize ariko yaje kwicwa n’umugore amuteye ibuye.
 - b) Hari ibiti bigenda bicika birimo n’umuvumu.
 - c) Bene se wa Yozefu babonye aje bati: “Dore araje, iki ni igihe cyo kumwikiza.”
- 6) Zengurutse akaziga ku gisubizo cy’ukuri ugendeye ku mwandiko. **(amanota 3)**
- i) Ni ba nde babujije Ryangombe kujya mu muhigo?
 - a) Nyiraryangombe na Nyirakajumba
 - b) Nyarwambari na Nyiraryangombe
 - c) Nyarwambari na Binego
 - d) Binego na Nyiraryangombe
 - ii) Inyamaswa Nyiraryangombe zidasanzwe zasuraga iki?
 - a) Urupfu rwa Ryangombe
 - b) Urupfu rwa Nyarwambari
 - c) Urupfu rwa Binego
 - d) Urupfu rwa Nyiraryangombe
 - iii) Iyo Ryangombe yavugaga ko iyo nyamaswa itakura umugabo mu ndyamo yashakaga kuvuga iki?
 - a) Ko ntacyo yashobora kumutwara mu gihe yiryamaniye n’umukobwa.
 - b) Ko yategereza akabanza akarangiza ibyo arimo akabona kuza kuyihiga.
 - c) Ko itari impamvu yatuma abyuka aho yari aryamanye n’umukobwa.
 - d) Ko ashobora kuyihiga wenyine atagombye kumukura aho aramye.
- 7) Andika amagambo ahuje ibisobanuro n’aya dusanga mu mwandiko: **(amanota 4)**
- a) imbwa bakoresha bahiga:
 - b) umuntu cyangwa inyamaswa y’inyamabere ifite utubere duto cyane:
 - c) irapfuye:
 - d) iramuzunguza:

IGICE CYA KABIRI: IKIBONEZAMVUGO (amanota 25)

8) Subiza ukoresheje “**Ni byo**” cyangwa “**Si byo**” ugendeye ku moko y’amagambo: (amanota 5)

Imbogo yateruye **Ryangombe** imujugunya mu **murinzi**. Ababyumvise **bose** byarabatangaje. Ariko Nyiraryangombe we yari yamenye **kare** ibizaba ku muhungu we. Yamubwiye ko **ibyiza** ari ukubireka ariko undi **amubera** ibamba.

- a) bose : ikinyazina ngenga
- b) (u)murinzi: izina bwite
- c) kare : umugereka
- d) ibyiza : igisantera
- e) amubera: inshinga

9) Zengurutse akaziga ku gisubizo cy’ukuri ugendeye ku **bicumbi by’amagambo** atsindagiye: (amanota 5)

i) Ni **nge** uzi guteka imboga ziryoshye.

- a) nge: - ge
- b) nge: - ø
- c) nge: - e
- d) nge: - nge

ii)Yasanze Ryangombe **yaguye** mu murinzi.

- a) yaguye:- guye
- b) yaguye: - gu-
- c) yaguye:- ye
- d) yaguye:- guy-

iii)**Yarasenze** isengesho rye rigera ku Mana.

- a) yarasenze: - seng-
- b) yarasenze: - senz-
- c) yarasenze: - senze
- d) yarasenze: - nze

iv)Umugore utwite agomba kurya **indyoy** yuzuye.

- a) indyoy: - ryo
- b) indyoy: - dyo
- c) indyoy: - yo
- d) indyoy: - ri

v) Hari hatumiwe isha n'inzovu.

- a) inzovu: - zovu
- b) inzovu: - zov-
- c) inzovu: -yovu
- d) inzovu: - yov-

10) Andika inteko cyangwa ngenga z'amagambo atsindagiye: **(amanota 5)**

Mukandori yagiye kuvoma ahura n'umusore Kanyandekwe. Amukubise amaso aramurangerira **akabindi** k'amazi yari yikoreye karamucika karameneka. Abwira Kanyandekwe ati: "**Mbigize** nte ko **ubona** ko akabindi k'abandi nkamennye?" Kanyandekwe ati: "Ibyo ni ibyaweho ahubwo nikomereje **urugendo**."

- a) umusore:
- b) akabindi:
- c) mbigize:
- d) ubona:
- e) urugendo:

11) Zengurutse akaziga ku gisubizo cy'ukuri: **(amanota 5)**

i) Inshinga zirimo amoko abiri y'ingenzi ari yo:

- a) Inshinga itondaguye n'inshinga idatondaguye.
- b) Inshinga isanzwe n'inshinga nkene.
- c) Inshinga nkene n'inshinga mburabuzi.
- d) Ingirwanshinga n'inshinga nkene.

ii) Mu magambo adahinduka yo mu kibonezamvugo k'Ikinyarwanda harimo :

- a) Inyiganarusaku n'ibisantera
- b) Ntera n'amarangamutima
- c) Imigereka n'ibyungo
- d) Amazina ntera n'indangahantu

iii) Izina mbonera rigomba kuba rigizwe n'ibi bikurikira :

- a) Kuba ari izina rimwe, ritari inyunge kandi ridakomoka ku nshinga.
- b) Kuba ari izina ry'Ikinyarwanda kandi rishobora gusesengurwamo uturemajambo.
- c) Kuba ari izina rikomoka ku nshinga kandi rifite intego y'amazina rusange.
- d) Kuba ari izina rigufi kandi rishobora kujya mu bumwe no mu bwinshi.

iv) Inshinga zisanzwe zirimo amoko abiri y'ingenzi :

- a) Imbundo n'inshinga mburabuzi
- b) Imbundo n'inshinga zitondaguye
- c) Imbundo n'inshinga zidatondaguye
- d) Inshinga nkene n'inshinga mburabuzi

v) Kugira ngo indomo iboneke hakoreshwa ibi bikurikira:

- a) Ijambo ribaza "ki", bimwe mu binyazina n'indangahantu "i" imbere y'amazina ashakirwa indomo.
- b) Impakanyu "nta", indangahantu "mu" na "ku" imbere y'amazina ashakirwa indomo.
- c) Ijambo ry'impushabwoko "buri", bimwe mu binyazina n'indangahantu "ha" imbere y'amazina ashakirwa indomo.
- d) Impakanyu "nta", indangahantu "mu" na "i" imbere y'amazina ashakirwa indomo.

12) Huza ubwoko bw'amazina y'urusobe n'ingero zayo ukoresheje akambi. **(amanota 5)**

- | | |
|---------------------------------------|---------------------|
| a) Izina ry'inyunge | (i) impuzanyito |
| b) Izina ry'akabimbura | (ii) inkokokazi |
| c) Izina rihujwe n'ikinyazina ngenera | (iii) itegeko teka |
| d) izina ry'umusuma | (iv) Semasaka |
| e) Izina ry'urujyanonshinga | (v) inkondo y'umura |

IGICE CYA GATATU: UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI **(amanota 25)**

13) Ugendeye ku **butinde bw'imigemo n'amasaku** ku magambo atsindagiye, subiza ukoresheje **"Ni byo"** cyangwa **"Si byo"** ukurikije uko ayo magambo asomwa.

(amanota 4)

- a) **Inkôko** ni igikoreshe bagosoza.
- b) **Ubwêenge** bivuga ubuhanga.
- c) **Gusura** ni ukugenderera umuntu cyangwa ahantu.
- d) **Umusaâmbi** ni ubwoko bw'inyoni.

14) Uzurisha ijambo rikwiye ukurikije ubumenyi ufite kuri izi nyunguramagambo

(imbusane, impuzanyito, imvugwakimwe, impuzashusho) (amanota 4)

- a) guhanura (imbuto), guhanura (kugira inama) ni
- b) kunangira , kwisubiraho
ni.....
- c) umwarimu, umurezi ni.....
- d) imbata (itungo ryo mu rugo), imbata (uwatwawe n'ingeso mbi) ni.....

15) Huza interuro zikurikira n'imigani y'imigenurano bijyana: **(amanota 4)**

Interuro	Umugani w'umugenurano
a) Iminsi uyiteganyiriza hakiri kare, ukibishoboye, ibintu wazigamye bikazagutunga utakishoboye.	(i) Ntawuvuma iritararenga
b) Ntawukwiye kwishimira ibyago by'undi naho yaba ari umwanzi we kuko na we bishobora kumugeraho.	(ii) Utabusya abwita ubumera.
c) Umurimo udakora wibwira ko woroshye, ukagaya abawukora ngo nta cyo bamaze kandi ubakomereye.	(iii) Akabando k'iminsi gacibwa kare kakabikwa kure.
d) Ntawukwiye kwiheba burundu kubera ibibazo ahuye na byo kuko bishobora guhinduka mu kanya gato agahembuka.	(iv) Inkoni ikubise mukeba uyirenza urugo.

- a)
- b)
- c)
- d)

16) Ugendeye ku byo wize ku biganiro mpaka, huza inshingano na nyirazo. **(amanota 4)**

Inshingano	Nyirazo
a) gutanga amanota ku bahiganwa	(i) Umuhuza
b) kwihera ijisho no kumva ibivugwa	(ii) Umwanditsi
c) gutanga umwanya wo kuvuga	(iii) Indorerezi
d) kwandika ibitekerezo biba byagiye bitangwa n'impande zombi zijya impaka ku nsangayamatsiko runaka.	(iv) Abakemurampaka

- a)
- b)
- c)
- d)

(amanota 4)

- (nahō, na hō, n'aho, ni aho)

(amanota 5)

- rikitwa

(amanota 25)

10)

This image shows a single sheet of white paper with horizontal ruling lines. The lines are evenly spaced and run across the width of the page. There are no margins, text, or other markings on the paper.

(amanota 15)

This image shows a full page of blank white paper with horizontal ruling lines. The lines are evenly spaced and run across the width of the page, providing a template for writing or drawing. There are no margins, text, or other markings present.

HEREZO